ISHENGERERA RY'UKARISTIYA RISABIRA

# IMIHAMAGARO



## Nimusabe Nyirimyaka : Kwivumburamo ingabire y'Imana

Image: Rogationist Archive 2026

## 1. INTANGIRIRO

**Umuyobozi :** Bavandimwe, mu gihe dukomeje kwitegura itaha mu Ijuru rya Mutagatifu Annibale, twongeye guhurira imbere y'Isakaramentu ritagatifu dushengerera, kugira ngo twemere kumurikirwa na Nyagasani Yezu, Umushumba Mwiza uhara ubuzima bwe abigirira intama ze. Papa Lewo wa XIV mu butumwa yageneye Umunsi mpuzamahanga wa 63 wo gusabira imihamagaro, atwibutsa ko umuhamagaro uvuka nko kwivumburamo ingabire y'Imana; ingabire ishibuka mu ndiba y'umutima, maze igatuma ubuzima buba « bwiza by'ukuri » iyo twemeye kuyoborwa n'indoro yayo y'urukundo.

Mureke dufate umwanya wo gutuza, kuko nk'uko Mutagatifu Gusitini abitwigisha – « ukuri gutura mu muntu w'imbere ». Dusabe kugira ngo uyu mwanya w'ishengerera udufashe gufungura muri twe urubuga rwo gutega amatwi, rw'ibyiringiro, urubuga imihamagaro ikuriramo.

**Twakire Nyagasani uje muri twe turirimba**

*Gushengerera bucece*

## 2. ISENGESHO RY'INTANGIRIRO

**Umusomyi.** Roho Mutagatifu, wowe mujyanama wabwirije abahanuzi n'intumwa ibyo bavuze, rema na none muri iki gihe cya none imitima yumvira kandi igira ubuntu; imitima yumvira ijwi ry'Umushumba Mwiza.

**Bose. Habwa ikuzo, Roho w'ubuzima !**

Umusomyi. Roho Mutagatifu, wowe mbaraga zatwikiriye Bikiramariya kugira ngo abe ubushyinguro bwa Jambo : duhe natwe kwakira impano y'umuhamagaro wacu k'umugambi w'urukundo n'ibyishimo nyabyo.

**Bose. Habwa ikuzo, Mbaraga z'Imana !**

**Umusomyi.** Roho Mutagatifu, wowe Murinzi wakongeje umuriro w'ubuhamya mu ntumwa, ha kiliziya abakozi b'abatagatifu, bizihiye umutima wa Kristu.

**Bose. Habwa ikuzo, Roho w'Imana !**

## 3. GUTEGA AMATWI IJAMBO RY'IMANA

**Umuyobozi:** Muri iki gihe cya Pasika twizihizamo ubuzima bushya butangwa na Kristu, Ivanjili y'Umushumba mwiza iradukangurira kuvugurura uburyo twumva ijwi rye. Twakirane iryo Jambo umutima witeguye kumukurikirana ukwizera n'ibyishimo.

**Amagambo yo mu Ivanjili Ntagatifu uko yanditswe na Yohani** *(10,1-10)*

*Muri icyo gihe Yezu arababwira ati « Ndababwira ukuri koko: umuntu utinjirira mu irembo ry'urugo rw'intama, ahubwo akuririra ahandi, aba ari umujura n'igisambo. Unyura mu irembo we, aba ari umushumba w'intama. Uwugarira irembo, aramwugururira, n'intama zikumva ijwi rye; maze agahamagara intama ze mu mazina yazo, nuko akazahura. Intama ze zose iyo amaze kuzikura mu rugo, azijya imbere, zikamukurikira, kuko ziba zisanzwe zizi ijwi rye. Ntizikurikira uw'ahandi, ahubwo ziramuhunga, kuko ziba zitazi ijwi ry'ab'ahandi.» Yezu yabahaye icyo kigereranyo, ariko bo ntibamenya icyo yashakaga kubabwira.*

*Nuko Yezu ati «Ndababwira ukuri koko: ni jye rembo ry'intama. Abandi bose baje mbere yanjye, ni abajura n'ibisambo, n'intama zanze kubumva. Ni jye rembo; uzanyuraho yinjira azakizwa, azishyira yizane kandi abone urwuri. Umujura agenzwa no kwiba, no kwica, no kurimbura. Jye rero nazanywe no kugira ngo intama zigire ubugingo, kandi zibugire busagambye ».*

**P.** Iyo ni Ivanjili Ntagatifu.

**Bose. Uragasingizwa Kristu.**

*Umwanya muto wo guceceka*

## 4. KUZIRIKANA HAMWE

**Umuyobozi :** Imbere y'Isakaramentu ritagatifu, dutuje, nimureke twemere kwakira ijwi ry'Umushumba mwiza, nk'uko papa Lewo wa XIV abidusaba mu butumwa yageneye Umunsi mpuzamahanga wo gusabira ihamagaro. Umuhamagaro ntabwo uvukira hanze yacu, ahubwo uvukira mu ndiba z'imitima yacu, aho Imana ituye, kandi aho urumuri rwayo rugera mbere yacu. Aho ni ho Nyagasani atubwirira, akatureshya, akaturema bundi bushya, maze akaduha gushobora kumenya ubwiza bw'ubuzima aduhamagarira.

**Bose : Nyagasani, tubwirire mu bucece bw'umutima wacu.**

**Umusomyi 1.** Yezu ni Umushumba Mwiza : ubwiza bwe ni ubw'ukunda urukundo rutagira urugero, ni ubwiza bw'utanga ubuzima, akamurikira umwijima wacu. Umuhamagaro uvuka iyo twemeye kugerwaho n'indoro ye, iyo twemereye Kristu gukora ku bice nyabyo kandi by'ibinyantege nke byacu. Ni ubunanaraibonye mu kureshywa, mu kumurikirwa, mu kuri kwigaragaza buhorobuhoro nk'akabuto kamera kandi kagakura bucece. Mutagatifu Gustini atwibutsa ko Imana ituzi imbere n'inyuma kurusha uko twiyizi : umuhamagaro ni impano ikurira imbere muri twe, ntabwo ukurira ahagaragara. Bisaba kumenya gutega amatwi, kwigiramo umutuzo, kwemera kuyoborwa. Imana iratuzi kurusha uko twiyizi. Ni yo mpamvu dukwiye kwiringira ijwi ryayo.

**Bose : duhe kumenya kumva ijwi ryawe, Nyagasani.**

**Umusomyi 2.** Kwiringira ni intabwe nyayo mu nzira y'umuhamagaro. Nka Yozefu mutagatifu, duhamarirwa kwemera ndetse n'ibyo ubwenge bwacu budashyikira, tudashidikanya ko Imana ari yo mugenga w'amateka yacu. Umuhamagaro ukurira muri yego ya buri munsi, bu bikorwa bito by'ubudahemuka, mu kwemera gutungurwa n'ugushaka kwa Nyagasani. Ntabwo turi twenyine muri urwo rujyendo. Umuhamagaro uvukira kandi ugakurira mu Kiliziya, mu muryango, mu mubano wa kivandimwe n'abandi badufasha kandi bakaduherekeza. Mumuryango cyangwa mu itsinda ni aho umuhamagaro umenyekanira, ukarindwa ibyonnyi, ugashungurwa kandi ugasukurwa. Ni ho tumenyera ko ubuzima bwacu ari impano y'abandi, ko atari umushinga wacu twihariye.

**Bose : Nyagasani , tuyobore mu nzira yo kukwiringira.**

**Umusomyi 1.** Ku bagize umuryango wa Rogate, iyi nzira ifite igisobanuro cyihariye muri iki gihe twegereje kwizihiza yubile y'imyaka ijana y'urupfu rwa mutagatifu Anibale. Anibale yabayeho umuhamagaro we nk'igisubizo ku itegeko rya Yezu : " Nimusabe Nyirimyaka". Yemeye ko imyaka yeze ari myinshi ariko abakozi akaba ari bacyeya, maze yitanga atizigama kugira ngo Kiliziya ibone abashumba b'intungane, abashumba b'imitima ifite ishyaka n'ibiganza byuzuye impuhwe.

Nyirubutungane papa Lewo wa XIV atwibutsa ko umuhamagaro atari intego itajegajega, ahubwo ni urujyendo : Ni ngombwa gushungura, kwihangana, kumvira Roho mutagatifu. Ni nk'ishami ry'umuzabibu ritakura ritari ku muzabibu : nk'umuzabibu, umuhamagaro ukenera kwitabwaho, ukomberwa, kandi ukabona urumuri rukwiye. Ntakizana nk'impanuka, kandi nta n'ikibaho kidafite umumaro. Iyo twemeye kuyoborwa

n'ingabire y'Imana byose bibaho mu mugambi wayo.

Muri iri shengerera dusabe kubona ubwiza bw'umuhamagaro wacu, dusabe kandi kuba umuryango uherekeza, ushyigikira, ubyara kandi ukanabungabunga imihamagaro.

Mu gihe kandi twitegura kwizihiza mutagatifu Anibale, tumusabe kugira umutima nk'uwe, umutima ureba, ukunda kandi witangira abandi.

**Bose : Ohereza Nyagasani abakozi b'intungane mu murima wawe.**

**Indirimbo**

*Gushengerera bucece*

Mu gihe cyo gushengerera bucece twakifashisha izi interuro ngufi za mutagatifu Annibale mu kuzirikana

*"Mu ntege nke zanjye, nisanze ndikwitangira kwita kuri roho no ku mibiri by'iyi mbaga itagira kirengera"*

*"Tugereranyije na zamamiliyoni z'abatagira kirengera, bandagaye nk'intama zitagira umushumba, izi mpfubyi nkeya tugerageza gufasha mu by'ukuri si nk'agatonyanga mu nyanja?"*

*«Natekerezaga intege nke zanjye n'ubushobozi bwanjye budashyitse, nkibaza iherezo ; Igisubizo nyacyo kandi gikwiye naje kukibona muri aya magambo meza ya Yezu Kristu umukiza wa cu : " Nimusabe rero Nyirimyaka yohereze abakozi mu murima we!".*

## 5. ISENGESHO RYO GUSABA ABAKOZI BEZA

*(gupfukama)*

**Umuyobozi.** Buri muhamagaro uturuka ku bushake bw'Imana yo iduhamagarira kuyikurikira, yo Mushumba mwiza. Ariko, « *imihamagaro, nk'ingabire, igomba kuva mu Ijuru, nitudasenga rero, nitutubahiriza itegeko twahawe na Nyagasani Yezu Kristu ubwe, imihamagaro ntabwo izava mu ijuru* » ( Mutagatifu Anibale M.Di Francia).

**Bose**

**Dawe nyirubuzima, muri iri shengerera, turahamya ko uri kumwe natwe mu mitima yacu kandi ukamurikira inzira zacu. Waduhamagaye tukiri insoro mu nda z'ababyeyi bacu, maze ushyira muri twe ikifuzo cy'ubuzima bwuzuye kandi bwiza. Ohereza Roho wawe kugira ngo amurikire imitima yacu, maze tubashe kumenya ko turi impano no kumenya impano waduhaye muri Kiliziya.Urumuri rw'Umushumba mwiza niruhindure ingorane zacu kandi rutume abatubona babona ubwiza bwawe. Muri uru rugendo rwa Yubile y'imyaka ijana Mutagatifu Anibale atashye mu ijuru, duhe umutima wuzuye ishyaka n'ibyiringiro, umutima usenga, ukunda kandi ufasha. Ha imihamagaro yacu kurumbuka maze wemere ko buri wese yishimye agira uruhare mu mugambi wawe w' amateka ya muntu. Tubigusabye ku bwa Kristu Umwami wacu. Amen.**

*Umugisha w'Ukaristiya*

*Indirimbo isoza*

Production: Rogationists | Daughters of Divine Zeal
Writing: Sister Mariannna Bolognese, fdz
Translation: Fr. Eugène Ntawigenera, rcj
Art and editing: Fr. Reinaldo Leitão, rcj